GUSHIMIRA

Turashimira tubikuye ku mutima abitanze bose zaba inzego za Kiliziya ndetse n'abantu ku giti cyabo, bitanze bagafasha Diyosezi ya Nyundo kurwanya abajura bw'abari biyitiriye zimwe mu nyandiko n'amafoto babikuye ku rubuga rwa Diyosezi ya Nyundo.

Mu minsi ishize twari twanditse itangazo twiyama abakoreshaga inyandiko n'amafoto babikuye ku rubuga rwa : nyundodiocese.info bakabishyira ku rubuga rwitwa : www.diocesebubanza.org, kandi ntibatinye kwiyitirira zimwe mu nyubako za Diyosezi ya Nyundo, Abapadiri bayo ndetse na bamwe mu bakozi bayo. Aho dutangiye iryo tangazo ndetse tukaniyambaza inzego zibishinzwe ndetse n'abandi babizoberewemo, umusaruro uragaragara kuko izo nyandiko zitari kongera kugaragara kuri urwo rubuga.

Turashimira abo bose babidufashijemo batanga igihe cyabo, ibitekerezo n'ubundi buryo ubwo aribwo bwose bari bashoboye kandi tunabasaba gukomeza kubidufashamo no kutugira inama kugira ngo ubujura nk'ubu burwanywe.

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA